

<p>AMABWIRIZA RUSANGE N° 41/2022 YO KU WA 13/04/2022 AGENGA IGERAGEZWA RY'IBICURUZWA NA SERIVISI BIRIMO UDUSHYA</p>	<p>REGULATION N° 41/2022 OF 13/04/2022 GOVERNING THE REGULATORY SANDBOX</p>	<p>RÈGLEMENT N° 41/2022 DU 13/04/2022 RÉGISSANT LE SANDBOX RÉGLEMENTAIRE</p>
<p><u>ISHAKIRO</u></p>	<p><u>TABLE OF CONTENTS</u></p>	<p><u>TABLE DES MATIÈRES</u></p>
<p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p>	<p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p>	<p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p>
<p><u>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije</u></p>	<p><u>Article One: Purpose</u></p>	<p><u>Article premier : Objet</u></p>
<p><u>Ingingo ya 2 : Ibirebwa n'aya mabwiriza rusange</u></p>	<p><u>Article 2: Scope of Regulation</u></p>	<p><u>Article 2 : Champ d'application du règlement</u></p>
<p><u>Ingingo ya 3 : Ibisobanuro by'amagambo</u></p>	<p><u>Article 3: Definitions</u></p>	<p><u>Article 3 : Définitions</u></p>
<p><u>UMUTWE WA II : IBISHINGIRWAHO MU KWEMERERWA</u></p>	<p><u>CHAPTER II: ELIGIBILITY CRITERIA</u></p>	<p><u>CHAPITRE II : CRITÈRES D'ADMISSIBILITÉ</u></p>
<p><u>Ingingo ya 4: Ibishingirwaho mu kwemerera abitabira igerageza</u></p>	<p><u>Article 4: Eligibility criteria for participants</u></p>	<p><u>Article 4 : Critères d'admissibilité des participants</u></p>

<p>UMUTWE WA III: UBURYO BUKURIKIZWA MU GUSABA NO KWEMERERWA</p> <p><u>Ingingo ya 5:</u> Gusaba kwemererwa</p> <p><u>Ingingo ya 6 :</u> Gahunda y’igeragerezwa ry’ibicuruzwa na serivisi birimo udushya</p> <p><u>Ingingo ya 7 :</u> Uburyo bwo gusuzuma ubusabe</p> <p><u>Ingingo ya 8 :</u> Igihe cy’igerageza ry’ibicuruzwa na serivisi birimo udushya</p>	<p>CHAPTER III : APPLICATION AND APPROVAL PROCESS</p> <p><u>Article 5:</u> Application for approval</p> <p><u>Article 6:</u> Regulatory Sandbox Plan</p> <p><u>Article 7:</u> Evaluation Process of the application</p> <p><u>Article 8:</u> Regulatory sandbox testing period</p>	<p>CHAPITRE III : PROCESSUS DE DEMANDE ET D'APPROBATION</p> <p><u>Article 5 :</u> Demande d'approbation</p> <p><u>Article 6 :</u> Plan du sandbox réglementaire</p> <p><u>Article 7 :</u> Processus d'évaluation de la demande</p> <p><u>Article 8 :</u> Période d'essai dans un sandbox réglementaire</p>
<p>UMUTWE WA IV: INGORANE ZISHOBORA KUVUKA N’UBURYO BWO KUZIRINDA, KUBIKA INYANDIKO NA RAPORO</p> <p><u>Ingingo ya 9 :</u> Ingorane zishobora kuvuka n’uburyo zisuzumwa</p> <p><u>Ingingo ya 10:</u> Kurengera abakiliya</p>	<p>CHAPTER IV: POTENTIAL RISKS AND SAFEGUARDS, RECORDS AND REPORTING REQUIREMENTS</p> <p><u>Article 9:</u> Potential risks and their assessments</p> <p><u>Article 10:</u> Customer safeguards</p>	<p>CHAPITRE IV : RISQUES POTENTIELS ET MESURES DE PROTECTION, EXIGENCES EN MATIÈRE DE CONSERVATION ET DE RAPPORTS</p> <p><u>Article 9 :</u> Risques potentiels et leur évaluation</p> <p><u>Article 10:</u> Protection des clients</p>

<p><u>Ingingo ya 11</u> : Ibisabwa mu kubika inyandiko</p>	<p><u>Article 11</u>: Record keeping requirements</p>	<p><u>Article 11</u> : Exigences relatives à la tenue des dossiers</p>
<p><u>Ingingo ya 12</u> : Ibisabwa mu gutanga raporo</p>	<p><u>Article 12</u>: Reporting requirements</p>	<p><u>Article 12</u> : Exigences en matière de rapports</p>
<p><u>UMUTWE WA V : KONGERA IGIHE NO GUSOHOKA MU IGERAGEREZA RY'IGICURUZWA NA SERIVISI BIRIMO UDUHYA</u></p>	<p><u>CHAPTER V: EXTENSION OF TESTING PERIOD AND EXIT FROM THE REGULATORY SANDBOX</u></p>	<p><u>CHAPITRE V : PROLONGATION DU PERIODE D'ESSAI ET LA SORTIE DU SANDBOX RÉGLEMENTAIRE</u></p>
<p><u>Ingingo ya 13</u>: Gusaba kongererwa igihe cyo kwemererwa</p>	<p><u>Article 13</u>: Request for the Extension of testing period</p>	<p><u>Article 13</u> : Demande de prolongation du période d'essai</p>
<p><u>Ingingo ya 14</u> : Kurangira kw'igeregeza</p>	<p><u>Article 14</u>: Expiration of the testing</p>	<p><u>Article 14</u> : Expiration d'essai</p>
<p><u>Ingingo ya 15</u> : Kubuza ko igicuruzwa, serivisi cyangwa igisubizo bigezwa ku isoko</p>	<p><u>Article 15</u>: Prohibition of deployment of the service, product or solution on the market</p>	<p><u>Article 15</u>: Interdiction de déploiement du produit, service ou solution sur le marché</p>
<p><u>Ingingo ya 16</u>: Ivanwaho ryo kwemererwa</p>	<p><u>Article 16</u>: Revocation of the approval</p>	<p><u>Article 16</u> : Révocation de l'approbation</p>
<p><u>Ingingo ya 17</u>: Ingaruka zo guhagarika igerageza</p>	<p><u>Article 17</u> : Effects of the revocation</p>	<p><u>Article 17</u>: Effets de révocation</p>

<p>UMUTWE WA VI: INSHINGANO ZA BANKI NKURU N'UWITABIRIYE IGERAGEZA</p>	<p>CHAPTER VI: THE CENTRAL BANK AND THE PARTICIPANT RESPONSIBILITIES</p>	<p>CHAPITRE VI : RESPONSABILITÉS DE LA BANQUE CENTRALE ET DU PARTICIPANT</p>
<p><u>Ingingo ya 18:</u> Inshingano za Banki Nkuru</p>	<p><u>Article 18:</u> Responsibilities of the Central Bank</p>	<p><u>Article 18 :</u> Responsabilités de la Banque Centrale</p>
<p><u>Ingingo ya 19 :</u> Inshingano z'uwitabiriye igerageza</p>	<p><u>Article 19:</u> Responsibilities of a participant</p>	<p><u>Article 19:</u> Responsabilités du participant</p>
<p>UMUTWE WA VII : INGINGO ZINYURANYE N'IZISOZA</p>	<p>CHAPTER VII: MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS</p>	<p>CHAPITRE VII: DISPOSITIONS DIVERSES ET FINALES</p>
<p><u>Ingingo ya 20:</u> Koroshya amabwiriza no gukora isuzumabikorwa</p>	<p><u>Article 20:</u> Regulatory relax and evaluation</p>	<p><u>Article 20 :</u> Assouplissement et évaluation réglementaires</p>
<p><u>Ingingo ya 21:</u> Itegurwa, isuzumwa n'iyemezwa ry'aya mabwiriza rusange</p>	<p><u>Article 21:</u> Drafting, consideration and approval of this Regulation</p>	<p><u>Article 21:</u> Initiation, examen et approbation du présent règlement</p>
<p><u>Ingingo ya 22:</u> Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'aya mabwiriza rusange</p>	<p><u>Article 22:</u> Repealing Provision</p>	<p><u>Article 22:</u> Disposition abrogatoire</p>
<p><u>Ingingo ya 23:</u> Igihe aya mabwiriza rusange atangirira gukurikizwa</p>	<p><u>Article 23:</u> Commencement</p>	<p><u>Article 23:</u> Entrée en vigueur</p>

<p>AMABWIRIZA RUSANGE N° 41/2022 YO KU WA 13/04/2022 AGENGA IGERAGEZWA RY'IBICURUZWA NA SERIVISI BIRIMO UDUSHYA</p>	<p>REGULATION N° 41/2022 OF 13/04/2022 GOVERNING THE REGULATORY SANDBOX</p>	<p>RÈGLEMENT N° 41/2022 DU 13/04/2022 RÉGISSANT LE SANDBOX RÉGLEMENTAIRE</p>
<p>Ishingiye ku Itegeko n°48/2017 ryo ku wa 23/09/2017 rigenga Banki Nkuru y'u Rwanda nk'uko ryavuguruwe kugeza ubu, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 6 bis, iya 8, iya 9, iya 10 n'iya 15;</p>	<p>Pursuant to Law n° 48/2017 of 23/09/ 2017 governing the Central Bank of Rwanda as amended todate, especially in Articles 6 bis, 8, 9, 10 and 15;</p>	<p>Vu la Loi n° 48/2017 du 23/09/2017 régissant la Banque Nationale du Rwanda telle que modifiée à ce jour, spécialement en ses articles 6, 8, 9, 10 et 15 ;</p>
<p>Isubiye ku mabwiriza rusange N° 05/2018 yo ku wa 27/03/2018 agenga abatanga serivisi zo kwishyurana, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 27, iya 28, iya 29, iya 30, iya 31 n'iya 32 ;</p>	<p>Having reviewed the regulation n° 05/2018 of 27/03/2018 governing payment services providers, especially in Articles 27, 28, 29, 30, 31, and 32;</p>	<p>Revu le Règlement N° 05/2018 du 27/03/2018 régissant les prestataires de services de paiement, spécialement en ses articles 27, 28, 29, 30, 31 et 32;</p>
<p>Isubiye ku mabwiriza rusange N° 2100/2018 -00011[614] yo ku wa 12/12/2018 ya Banki Nkuru y'u Rwanda agenga ibigo by'imari biguriza, bitakira amafaranga ya rubanda, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 24, iya 25, iya 26, iya 27, iya 28 n'iya 29 ;</p>	<p>Having reviewed the regulation on N° 2100/2018 - 00011[614] of 12/12/2018 of the National Bank of Rwanda governing non deposit taking lending financial institutions, especially in Articles 24, 25, 26, 27, 28, and 29;</p>	<p>Revu le Règlement N° 2100 /2018 - 00011[614] du 12/12/2018 de la Banque Nationale du Rwanda régissant les institutions financières de crédits ne recevant pas des fonds du public, spécialement en ses articles 24, 25, 26, 27, 28 et 29 ;</p>
<p>Isubiye ku mabwiriza rusange No 2100/2018 –00012 [614] yo ku wa 12/12/2018 ya Banki Nkuru y'u Rwanda agenga imitunganyirize y'umurimo w'ubwishingizi buciriritse, cyane cyane mu ngingo zayo, iya 58, iya 59, iya 60 n'iya 61 ;</p>	<p>Having reviewed the regulation no 2100/2018 – 00012 [614] of 12/12/2018 of the National Bank of Rwanda governing the organization of micro insurance business, especially in Articles 58, 59, 60, and 61;</p>	<p>Revu le Règlement No 2100 /2018 –00012 [614] du 12/12/2018 de la Banque Nationale du Rwanda portant l'organisation de l'activité de micro-assurance, spécialement en ses articles 58, 59, 60 et 61 ;</p>

<p>Banki Nkuru y'u Rwanda muri aya mabwiriza rusange yitwa « Banki Nkuru » ishyizeho aya mabwiriza rusange :</p> <p><u>UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE</u></p> <p><u>Ingingo ya mbere: Icyo aya mabwiriza rusange agamije</u></p> <p>Aya mabwiriza rusange agamije:</p> <p>1° gutuma ibicuruzwa, serivisi n'ibisubizo byo mu rwego rw'imari birimo udushya bishyirwa kandi bigeragerezwa ahantu hihariye mbere yo kugezwa ku isoko ryose, bigakorwa hakurikijwe amabwiriza asobanutse kandi mu gihe cyagenwe;</p> <p>2° gutuma habaho ibicuruzwa na serivisi z'imari birimo udushya bigirira akamaro ababikoresha hanozwa ubwiza bw'ibicuruzwa na serivisi by'imari, uburyo bwo kubigeraho n'imikoreshereze yabyo;</p> <p>3° no gushyiraho ibisabwa ngo ubusabe bwemerwe n'uburyo bwiza bwo kurengera abakiriya hagamijwe</p>	<p>The National Bank of Rwanda hereinafter referred to as «Central Bank», decrees the following regulation:</p> <p><u>CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS</u></p> <p><u>Article One: Purpose</u></p> <p>This regulation aims at:</p> <p>1° enabling innovative financial product, services, and solutions to be deployed and tested in a live environment prior to launch into the marketplace, within specified parameters and timeframes;</p> <p>2° fostering responsible financial innovations that benefit financial consumers by improving the quality of, access to and usage of the financial products and services; and,</p> <p>3° setting application eligibility requirements and appropriate safeguards to identify and manage potential risks.</p>	<p>La Banque Nationale du Rwanda, ci-après dénommée la « Banque Centrale » édicte présent règlement:</p> <p><u>CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES</u></p> <p><u>Article premier : Objet</u></p> <p>Le présent règlement vise à :</p> <p>1° permettre aux produits, services et solutions financiers innovants d'être déployés et testés dans un environnement réel avant leur lancement sur le marché, selon des paramètres et des délais précis ;</p> <p>2° favoriser les innovations financières responsables qui profitent aux consommateurs de services financiers en améliorant la qualité des produits et services financiers, l'accès à ceux-ci et leur utilisation ; et,</p> <p>3° établir des critères d'admissibilité des demandes et des mesures de protection appropriées pour</p>
---	---	---

<p>kumenya no gucunga ibishobora guteza ingorane.</p> <p><u>Ingingo ya 2</u> : Ibirebwa n’aya mabwiriza rusange</p> <p>Aya mabwiriza rusange areba:</p> <p>1° ibigo by’imari byemewe kandi/cyangwa bigenzurwa na Banki Nkuru;</p> <p>2° ikigo gifite ubuzimagatozi cyonyine cyangwa gifatanyije n’abandi cyangwa umuntu wese ku giti cye ufite ibicuruzwa, serivisi n’ibisubizo byo mu rwego rw’imari birimo udushya.</p> <p><u>Ingingo ya 3</u> : Ibisobanuro by’amagambo</p> <p>Muri aya mabwiriza rusange, amagambo akurikira afite ibisobanuro bikurikira :</p> <p>1° usaba : ikigo cyose cy’imari cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyasabye Banki Nkuru uruhushya rwo kujya ahageragerezwa ibicuruzwa na serivisi birimo udushya ;</p>	<p><u>Article 2</u>: Scope of Regulation</p> <p>This regulation is applicable to:</p> <p>1° the financial institutions licensed and/or supervised by the Central Bank, and;</p> <p>2° the legal entity alone or in partnership with a financial institution or with any individuals with innovative financial product, service and solutions.</p> <p><u>Article 3</u>: Definitions</p> <p>In this regulation, the following terms have following meanings:</p> <p>1° applicant: means any financial institution or legal entity which has applied for the Central Bank’s approval to participate in the regulatory sandbox;</p>	<p>identifier et gérer les risques potentiels.</p> <p><u>Article 2</u> : Champ d'application du règlement</p> <p>Le présent règlement est applicable:</p> <p>1° aux institutions financières agréées et/ou supervisées par la Banque Centrale, et ;</p> <p>2° à une entité juridique seule ou en partenariat avec une institution financière ou avec toute personne physique qui a des produits, services et solutions financiers innovants.</p> <p><u>Article 3</u> : Définitions</p> <p>Dans le présent règlement, les termes ci-après ont les significations suivantes :</p> <p>1° demandeur : toute institution financière ou entité juridique qui a demandé à la Banque Centrale l'autorisation de participer au sandbox réglementaire ;</p>
---	--	--

<p>2° uwitabiriye igerageza : ikigo cy'imari cyangwa ikigo gifite ubuzima gatozi cyemerewe na Banki Nkuru kujya ahageragerezwa ibicuruzwa na serivisi birimo udushya ;</p> <p>3° igeragerezwa ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya : ahantu hihariye abitabiriye igerageza bashobora kugeragereza ibicuruzwa, serivisi cyangwa ibisubizo byabo hakurikijwe ibisabwa muri aya mabwiriza ;</p> <p>4° umukiriya : itsinda ry'abantu batoranyijwe abitabiriye igerageza bazaha ibicuruzwa byabo cyangwa serivisi zabo mu gihe cy'igeragezwa ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya ;</p> <p>5° Ikigo cy'imari : Ikigo icyo ari cyo cyose cyemewe kandi/ cyangwa kigenzurwa na Banki Nkuru gitanga serivisi n'ibicuruzwa by'imari ;</p> <p>Ikigo gifite ubuzima gatozi : koperative, isosiyete cyangwa ubufatanye nk'uko bisobanurwa mu mategeko y'u Rwanda abyerekeye.</p>	<p>2° participant: means any financial institution or legal entity which has been approved by the Central Bank to participate in the regulatory sandbox;</p> <p>3° regulatory sandbox: a live, contained environment in which participants may test their product, service or solution subject to the requirements under this regulation;</p> <p>4° customer: a select group of users to which participants will provide their products or services during the regulatory sandbox;</p> <p>5° Financial Institution: any Institution licensed and/or supervised by the Central Bank that provides financial services and products.</p> <p>6° Legal entity: any cooperative, company and or partnership as defined in their respective laws in Rwanda.</p>	<p>2° participant : toute institution financière ou entité juridique qui a été approuvée par la Banque Centrale pour participer au sandbox réglementaire ;</p> <p>3° sandbox réglementaire : un environnement réel et restreint dans lequel les participants peuvent tester leur produit, service ou solution selon les exigences de ce règlement ;</p> <p>4° client : un groupe d'utilisateurs sélectionnés auxquels les participants fourniront leurs produits ou services pendant le sandbox réglementaire ;</p> <p>5° Institution financière : toute institution agréée et/ou supervisée par la Banque Centrale qui fournit des services et des produits financiers.</p> <p>6° Entité légale : toute coopérative, société ou partenariat tel que défini dans leurs lois respectives au Rwanda.</p>
---	---	---

UMUTWE WA II : IBISHINGIRWAHO MU KWEMERERWA	CHAPTER II: ELIGIBILITY CRITERIA	CHAPITRE II : CRITÈRES D'ADMISSIBILITÉ
<p><u>Ingingo ya 4:</u> Ibishingirwaho mu kwemerera abitabira igerageza</p>	<p><u>Article 4:</u> Eligibility criteria for participants</p>	<p><u>Article 4 :</u> Critères d'admissibilité des participants</p>
<p>Usaba wese Banki Nkuru kwemererwa kugerageza igicuruzwa na serivisi birimo udushya agomba kugaragaza ko:</p>	<p>Any applicant seeking the Central Bank approval to participate in the regulatory sandbox must demonstrate that:</p>	<p>Tout demandeur sollicitant l'agrément de la Banque Centrale pour participer au sandbox réglementaire doit démontrer que:</p>
<p>1° igicuruzwa, serivisi cyangwa igisubizo birimo udushya kandi bikaba bigaragaza neza ko bifite ubushobozi bwo:</p>	<p>1° the financial product, service or solution is genuinely innovative with clear potential to:</p>	<p>1° le produit, service ou solution financière est réellement innovant et présente un potentiel évident pour :</p>
<p>a. koroshya uburyo bwo kubigeraho, kunoza umutekano wabyo no kongera ubwiza bwabyo mu itangwa rya serivisi zirimo udushya;</p>	<p>a. improve accessibility, efficiency, security and quality in the provision of innovative services;</p>	<p>a. améliorer l'accessibilité, l'efficacité, la sécurité et la qualité de la fourniture de services innovants ;</p>
<p>b. kongera imikorere myiza kandi iboneye yo gucunga ibyateza ingorane;</p>	<p>b. enhance the efficiency and effectiveness of management of risks;</p>	<p>b. améliorer l'efficacité et l'efficience de la gestion des risques;</p>
<p>c. kuziba ibyuhoro cyangwa kuzana ubushobozi bushya mu kubona amafaranga cyangwa mu ishoramari mu gihugu;</p>	<p>c. address gaps in or open up new opportunities for financing or investments in the country; and,</p>	<p>c. combler les lacunes ou ouvrir de nouvelles possibilités de financement ou d'investissement dans le pays ; et,</p>
<p>d. no kuba bikenewe koko kandi bikazanira inyungu abaguzi ba serivisi z'imari cyangwa urwego</p>	<p>d. be in real need and will bring benefits to financial consumers or the financial industry.</p>	<p>d. répondre à un besoin réel et apporter des avantages aux consommateurs de services financiers ou à l'industrie</p>

<p>rw'imari;</p> <p>2° ibicuruzwa na serivisi z'imari birimo udushya ndetse ko n'ibisubizo bijyana na byo bidahuye n'ibicuruzwa cyangwa serivisi bisanzwe bigenzurwa n'amategeko n'amabwiriza ariho cyangwa ko ari ibicuruzwa cyangwa serivisi by'imberabyombi cyangwa bizatangwa mu buryo butandukanye;</p> <p>3° ibicuruzwa na serivisi by'imari birimo udushya bishobora kugenzurwa na Banki Nkuru cyangwa ko igicuruzwa cyangwa serivisi yabo y'ingenzi bishobora kugenzurwa na Banki Nkuru;</p> <p>4° yakoze isuzuma rihagije kandi rikwiriye ryo kugaragaza akamaro n'imikorere by'icyo gicuruzwa, iyo serivisi cyangwa icyo gisubizo kandi ko yagaragaje ingorane zijyanye na byo;</p> <p>5° afite ubushobozi bwa ngombwa bwo gukora iryo gerageza. Muri bwo harimo ubushobozi mu miyoborere ndetse n'ubushobozi n'ubuzobere bisabwa mu koroshya no kugenzura</p>	<p>2° innovative financial products and services as well as related solutions do not clearly correspond to products or services currently regulated under existing laws and regulations or represent a hybrid product or services or will be provided differently;</p> <p>3° innovative financial products and services are those that are likely to fall under the supervisory scope of the Central Bank or where the core product or service is likely to be regulated by the Central Bank;</p> <p>4° He or she has conducted an adequate and appropriate assessment to prove the usefulness and functionality of the product, service or solution and identified the associated risks;</p> <p>5° He or she has necessary resources to support testing. This includes the governance and required resources and expertise to mitigate and control potential risks and losses arising from</p>	<p>financière ;</p> <p>2° ses produits et services financiers innovants ainsi que les solutions connexes ne correspondent pas réellement aux produits ou services actuellement réglementés par les lois et règlements en vigueur ou représentent un produit ou un service hybride ou sont presté différemment ;</p> <p>3° ses produits et services financiers innovants sont susceptibles d'être supervisés par la Banque Centrale ou dont le produit ou service principal est susceptible d'être réglementé par la Banque Centrale;</p> <p>4° il a procédé à une évaluation adéquate et appropriée pour démontré l'utilité et la fonctionnalité du produit, service ou solution et a identifié les risques associés ;</p> <p>5° il dispose des ressources nécessaires pour faire l'essai. Cela comprend la gouvernance ainsi que les ressources et l'expertise requises pour atténuer et contrôler les risques et les pertes</p>
--	---	---

<p>ingaruka zishobora kuvuka ndetse n'ibihombo byaturuka mu gutanga igicuruzwa, serivisi cyangwa igisubizo;</p> <p>6° afite gahunda isobanutse yo gusakaza igicuruzwa, serivisi cyangwa igisubizo ku rwego rw'ubucuruzi nyuma yo kurangiza neza icyiciro cy'igerageza;</p> <p>7° ishusho y'ibikorwa byabo mu rwego rwa tekini igaragaza neza ikoranabuhanga rizakoreshwa n'uburyo bushya rizakoreshwamo;</p> <p>8° abitabiriye igerageza bayoborwa n'abantu bafitiwe icyizere kandi bujuje ibisabwa byerekeye ubunyangamugayo n'ubushobozi</p>	<p>offering of the product, service or solution;</p> <p>6° He or she has a clear solution to deploy the product, service or solution on commercial scale after a successful testing phase;</p> <p>7° a proposed technical architecture and solution, detailing the specific technology and innovative ways in which the technology will be applied; and,</p> <p>8° the participants are managed by persons of credibility and integrity that meet the fit and proper requirements.</p>	<p>potentiels découlant de l'offre du produit, du service ou de la solution;</p> <p>6° il a une solution claire pour déployer le produit, le service ou la solution à l'échelle commerciale après une phase d'essai réussie ;</p> <p>7° une proposition d'architecture et de solution techniques détaillant la technologie spécifique et les moyens novateurs par lesquels la technologie sera appliquée ; et,</p> <p>8° les participants sont gérés par des personnes crédibles et intègres.</p>
<p>UMUTWE WA III: UBURYO BUKURIKIZWA MU GUSABA NO KWEMERERWA</p>	<p>CHAPTER III: APPLICATION AND APPROVAL PROCESS</p>	<p>CHAPITRE III: PROCESSUS DE DEMANDE ET D'APPROBATION</p>
<p><u>Ingingo ya 5: Gusaba kwemererwa</u></p>	<p><u>Article 5: Application for approval</u></p>	<p><u>Article 5 : Demande d'approbation</u></p>
<p>Mbere yo gutanga ubusabe bwe, usaba kugerageza ibicuruzwa na serivisi birimo udushya agomba kureba ko yujuje ibivugwa</p>	<p>Any applicant wishing to participate in the regulatory sandbox shall ensure that the purpose, scope and criteria specified in this</p>	<p>Tout demandeur souhaitant participer au sandbox réglementaire doit s'assurer qu'il se conforme pleinement à l'objectif, au champ</p>

<p>byose muri aya mabwiriza ku birebana n'ikigamijwe n'aya mabwiriza, ibirebwa n'aya mabwiriza n'ibishingirwaho n'aya mabwiriza. Abasaba kandi bagomba gushyikiriza Banki Nkuru ibi bikurikira :</p> <p>1° ibaruwa isaba iriho umukono w'umuntu ubifitiye uburenganzira ;</p> <p>2° inyandiko yujujwe neza ifite imiterere igaragazwa ku Mugereka wa I;</p> <p>3° Gahunda y'igerageza irambuye yubahirije ibisabwa mu ngingo ya 6 y'aya mabwiriza rusange;</p> <p>4° Inyandiko zishyigikira amakuru atangwa akubiye mu nyandiko isaba.</p> <p>Usaba agomba kandi kugaragaza iby'ingenzi iryo gerageza rigamije kugeraho n'ibipimo bikwiriye byo gusuzumiraho ibizagerwaho.</p> <p><u>Ingingo ya 6</u> : Gahunda y'igeragerezwa ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya</p> <p>Gahunda y'igeragezwa irambuye igomba kuba irimo nibura ibi bikurikira :</p>	<p>regulation are fully satisfied before submitting their proposal. Furthermore, the applicants shall submit the following to the Central Bank:</p> <p>1° an application letter duly signed by an authorized person;</p> <p>2° a filled form, in the format set forth in Appendix I;</p> <p>3° a detailed Testing Plan that meets the requirements prescribed in article 6 of this regulation;</p> <p>4° supporting documents to substantiate the information provided in the application form;</p> <p>The applicant must also include the expected key outcomes that the testing intends to achieve and the appropriate indicators to measure such outcomes.</p> <p><u>Article 6: Regulatory Sandbox Plan</u></p> <p>A detailed Testing Plan shall include but not limited to the following:</p>	<p>d'application et aux critères spécifiés dans le présent règlement avant de soumettre sa proposition. En outre, les demandeurs doivent soumettre ce qui suit à la Banque Centrale :</p> <p>1° une lettre de demande dûment signée par une personne autorisée ;</p> <p>2° un formulaire rempli, dans le format indiqué à l'annexe I ;</p> <p>3° un Plan d'essai détaillé qui répond aux exigences prescrites à l'article 6 du présent règlement ;</p> <p>4° des pièces justificatives pour étayer les informations fournies dans le formulaire de demande ;</p> <p>Le demandeur doit également inclure les principaux résultats escomptés que l'essai vise à atteindre et les indicateurs appropriés pour mesurer ces résultats.</p> <p><u>Article 6</u> : Plan du sandbox réglementaire</p> <p>Un plan d'essai détaillé doit inclure, sans s'y limiter, les éléments suivants :</p>
--	---	---

<p>1° amatariki yo gutangira no gusoza igerageza ry'uko igitekerezo gishobora gushyirwa mu bikorwa ;</p> <p>2° ingamba zo kumenya niba igerageza ryaragenze neza cyangwa nabi ;</p> <p>3° ibisobanuro birambuye ku buryo butandukanye bwo gukorera igerageza ahageragerezwa ibicuruzwa na serivisi birimo udushya ;</p> <p>4° intego zisobanuye neza z'igerageza riteganyijwe;</p> <p>5° gahunda zo gusohoka mu igerageza mu gihe igerageza ritagenze neza cyangwa rihagaze;</p> <p>6° ibituma igerageza rigenda neza n'ibikorwa byo gupima no kugenzura imigendekere y'igerageza;</p> <p>7° amakuru arambuye ku mbago z'igerageza riteganywa ahageragerezwa ibicuruzwa na serivisi birimo udushya, harimo:</p> <p>a. imbago zirebana n'abakiriya,</p>	<p>1° proposed start and end dates of the proof of concept test;</p> <p>2° specific measures to determine the success or failure of the test;</p> <p>3° details on the scenarios or use cases intended to test in the regulatory sandbox;</p> <p>4° clearly defined objectives of the proposed test;</p> <p>5° an exit strategy should the test fail or be discontinued;</p> <p>6° critical success factors and activities to measure and monitor progress;</p> <p>7° details on the proposed regulatory sandbox testing boundaries, including:</p> <p>a. client limits, including the number of</p>	<p>1° les dates de début et de fin proposées pour l'essai de validation du concept ;</p> <p>2° des mesures spécifiques pour déterminer le succès ou l'échec de l'essai ;</p> <p>3° des détails sur les scénarios ou cas d'utilisation prévus pour l'essai dans le sandbox réglementaire ;</p> <p>4° des objectifs clairement définis de l'essai proposé ;</p> <p>5° une stratégie de sortie en cas d'échec ou d'interruption du test ;</p> <p>6° les facteurs essentiels de succès et les activités pour mesurer et surveiller les progrès ;</p> <p>7° des détails sur les limites de l'essai proposé dans le sandbox réglementaire, y compris :</p> <p>a. les limites relatives aux</p>
--	--	--

<p>nk'umubare w'abakiriya, ubwoko bw'abakiriya n'uburyo batoranyijwe;</p> <p>b. aho igerageza ritarenga cyangwa aho ibikorwa bitarenga;</p> <p>c. izindi mbago zishobora kugaragazwa mu mibare;</p> <p>8° gahunda y'inziyacyuho yo gukwirakwiza igicuruzwa, serivisi cyangwa igisubizo ku rwego rw'ubucuruzi igihe igerageza ryagenze neza n'iyi gusohoka mu igeragerezwa ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya.</p>	<p>customers, client type and how they were selected;</p> <p>b. exposure limits or transaction thresholds;</p> <p>c. other quantifiable limits;</p> <p>8° a transition plan for the deployment of the product, service or solution on a commercial scale upon successful testing and exit from the regulatory sandbox.</p>	<p>clients, tels que le nombre de clients, le type de client et la façon dont ils ont été sélectionnés ;</p> <p>b. les limites d'exposition ou les seuils de transaction ;</p> <p>c. autres limites quantifiables ;</p> <p>8° un plan de transition pour le déploiement du produit, du service ou de la solution à l'échelle commerciale après la réussite des essais et la fin du sandbox réglementaire.</p>
<p><u>Ingingo ya 7 : Uburyo bwo gusuzuma ubusabe</u></p> <p>Banki Nkuru ihamagarira abifuza gutanga ubusabe inshuro eshatu mu mwaka.</p> <p>Imaze kwakira ubusabe, Banki Nkuru:</p> <p>1° isuzuma ubusabe ishingiye ku kigamijwe n'aya mabwiriza, ibirebwa n'aya mabwiriza n'ibishingirwaho mu kwemererwa</p>	<p><u>Article 7: Evaluation Process of the application</u></p> <p>The Central Bank calls for applications in three cohorts per year.</p> <p>Upon receipt of the application, the Central Bank shall;</p> <p>1° review the application against the purpose, scope and eligibility criteria set forth in this regulation;</p>	<p><u>Article 7 : Processus d'évaluation de la demande</u></p> <p>La Banque Centrale lance un appel aux des demandes en trois cohortes par an.</p> <p>À la réception de la demande, la Banque Centrale ;</p> <p>1° examine la demande par rapport à l'objectif, au champ d'application et aux critères d'admissibilité énoncés dans le présent règlement ;</p>

<p>bivugwa muri aya mabwiriza;</p> <p>2° mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) y’akazi, Banki Nkuru yohereza usaba ibaruwa igaragaza ko ubusabe bwuzuye cyangwa butuzuye.</p> <p>Iyo hari ibibura mu busabe, Banki Nkuru ibigaragaza mu ibaruwa kandi igatanga igihe ntarengwa cyo kubyuzura.</p> <p>Umwanzuro wo kwemera cyangwa kwanga ubusabe bwo kujya ahageragerezwa ibicuruzwa na serivisi birimo udushya umenyeshwa uwasabye mu gihe cyateganijwe mu itangazo rivugwa mu gika cya mbere cy’iyi ngingo</p> <p>Iyo Banki Nkuru yanze ko usaba agerageza ibicuruzwa na serivisi birimo udushya, usaba amenyeshwa mu ibaruwa ko ubusabe bwe bwanzwe n’impamvu bwanzwe.</p> <p>Mu gihe cyo gusuzuma ubusabe, Banki Nkuru ishobora kugirana ibiganiro n’usaba.</p>	<p>2° therefore send to the applicant a letter acknowledging the completeness or deficiency of the application within seven (7) working days.</p> <p>In case of deficiency, the Central Bank shall outline in the letter all the deficiencies observed in the Application and provide deadline for their rectification.</p> <p>The decision to approve or to reject the participation in the regulatory sandbox is communicated to the applicant within the timeline set in the call for application alluded to in the paragraph one of this article.</p> <p>Where the Central Bank rejects the participation, the notification for rejection and its grounds shall be provided to the applicant in the rejection letter.</p> <p>In the evaluation of the application, the Central Bank may engage with the applicant.</p>	<p>2° envoie au demandeur une lettre indiquant que la demande est complète ou insuffisante dans un délai de sept (7) jours ouvrables.</p> <p>En cas d’insuffisance, la Banque Centrale indique dans la lettre toutes les lacunes observées dans la demande et fournit un délai pour leur rectification.</p> <p>La décision d’approuver ou de rejeter la participation au sandbox réglementaire est communiquée au demandeur dans le délai fixé dans l’ un appel mentionné au premier paragraphe de cet article.</p> <p>Lorsque la Banque Centrale rejette la participation, la notification du rejet et ses motifs sont communiqués au demandeur dans la lettre de rejet.</p> <p>Lors de l’évaluation de la demande, la Banque Centrale peut s’engager avec le demandeur.</p>
--	--	---

<p><u>Ingingo ya 8:</u> Igihe cy'igerageza ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya</p> <p>Igihe cy'igerageza ntikirenza amezi cumi n'abiri (12) keretse iyo agashya kageragejwe kagize umusaruro mwiza kandi bikaba bigaragara neza ko kongera igihe cy'igerageza byatuma haboneka umuti w'ibibazo cyangwa ingorane zishobora kuvuka byagaragajwe mu byiciro by'igerageza.</p> <p>Iyo bigenze bityo, Banki Nkuru ishobora kongerera uwitabiriye igerageza igihe cy'igerageza kidashobora kurenga amezi cumi n'abiri (12).</p> <p><u>UMUTWE WA IV:</u> INGORANE ZISHOBORA KUVUKA N'UBURYO BWO KUZIRINDA, KUBIKA INYANDIKO NA RAPORO</p> <p><u>Ingingo ya 9:</u> Ingorane zishobora kuvuka n'uburyo zisuzumwa</p> <p>Uwitabiriye igerageza agomba kumenya ingorane zishobora kuvuka mu gihe cy'igerageza ry'ibicuruzwa na serivisi birimo udushya kandi akabibwira abakiriya. Uwitabiriye igerageza agomba no kugena</p>	<p><u>Article 8:</u> Regulatory sandbox testing period</p> <p>Testing period shall not exceed (12) months except if the innovation has tested positive and it can be demonstrated that extended testing period is necessary to respond to specific issues or risks identified during testing phases.</p> <p>In such circumstances, the Central Bank may grant the participant an extension period not exceeding (12) months.</p> <p><u>CHAPTER IV: POTENTIAL RISKS AND SAFEGUARDS, RECORDS AND REPORTING REQUIREMENTS</u></p> <p><u>Article 9:</u> Potential risks and their assessments</p> <p>The participant must identify potential risks that may arise during regulatory sandbox testing and communicate them to the customers. The participant shall propose appropriate safeguards to mitigate the</p>	<p><u>Article 8 :</u> Période d'essai dans un sandbox réglementaire</p> <p>La période d'essai ne doit pas dépasser (12) mois, sauf si l'innovation s'est révélée positive et qu'il peut être démontré qu'une prolongation de la période d'essai est nécessaire pour répondre à des problèmes ou des risques spécifiques identifiés pendant les phases d'essai.</p> <p>Dans de telles circonstances, la Banque Centrale peut accorder au participant une période de prolongation n'excédant pas (12) mois.</p> <p><u>CHAPITRE IV : RISQUES POTENTIELS ET MESURES DE PROTECTION, EXIGENCES EN MATIÈRE DE CONSERVATION ET DE RAPPORTS</u></p> <p><u>Article 9 :</u> Risques potentiels et leur évaluation</p> <p>Le participant doit identifier les risques potentiels qui peuvent survenir lors des essais dans le sandbox réglementaire et les communiquer aux clients. Le participant doit également proposer des mesures de</p>
--	---	---

Official Gazette n° 16 bis of 18/04/2022

<p>uburyo bukwiye bwo kugabanya icyateza ingorane zishobora kuvuka zagaragaye n'izindi zishoboka.</p> <p>Mu gusuzuma ingorane zishobora kuvuka n'uburyo bwo kurengera abakiriya buteganywa, Banki Nkuru igomba kwita kumenya niba abitabiriye igerageza:</p> <p>1° Bafite amahame ubucuruzi yubahiriza amahame yo kudahungabana kw'ifaranga n'uk'urwego rw'imari ;</p> <p>2° bafata kimwe abaguzi kandi babarengera;</p> <p>3° bakumira iyezandonke kandi barwanya ibikorwa byo gutera inkunga iterabwoba;</p> <p>4° bafite uburyo bwo kwishyura bufite umutekano, bwizewe kandi bukora neza;</p> <p>5° baharanira ipiganwa ryiza ry'ibicuruzwa na serivisi by'imari;</p> <p>6° barinda amakuru y'umuntu ku giti cye kandi bakagabanya ingorane zavuka kubera ibitero</p>	<p>identified and any other possible risks.</p> <p>In assessing the risks and evaluating the proposed safeguards; among other things, the Central Bank shall give due regard to whether participants ensure:</p> <p>1° financial business practices are consistent with monetary and financial stability standards;</p> <p>2° fair treatment of and preserving consumer protection;</p> <p>3° prevention money laundering and countering terrorism financing;</p> <p>4° safety, reliability and the efficiency of payment solutions and payment instruments; and</p> <p>5° effective competition for financial products and services.</p> <p>6° protection of personal data as well as mitigation of cyber risks;</p>	<p>protection appropriées pour atténuer les risques identifiés et tout autre risque possible.</p> <p>Lors de l'évaluation des risques et des mesures de protection proposées, la Banque Centrale doit, entre autres, tenir compte du fait que les participants assurent :</p> <p>1° les pratiques commerciales et financières saines conformes aux normes de stabilité monétaire et financière ;</p> <p>2° les traitement équitable des consommateurs et la préservation de leur protection ;</p> <p>3° prévenir le blanchiment d'argent et lutter contre le financement du terrorisme ;</p> <p>4° la sécurité, la fiabilité et l'efficacité des solutions de paiement et des instruments de paiement ;</p> <p>5° une concurrence efficace pour les produits et services financiers ;</p> <p>6° la protection des données personnelles ainsi que l'atténuation des cyber-risques ;</p>
---	---	--

<p>by'ikoranabuhanga;</p> <p><u>Ingingo ya 10: Kurengera abakiliya</u></p> <p>Uwitabiriye igerageza bagomba kwita kuri ibi bikurikira mu kurengera abakiliya:</p> <p>1° kugira uburyo busobanutse bwo gushaka abakiriya bugaragaza uburyo buri mukiriya azamenyekana n'uko umwirondoro we ugenzurwa hakoreshejwe inyandiko, amakuru yizewe kandi adafite aho abogamiye;</p> <p>2° kumenyesha abakiriya ko igicuruzwa cyangwa serivisi bitangwa biri mu igeragezwa ;</p> <p>3° kumenya neza ko abakiriya basobanukiwe neza kandi bemera ingorane zishobora kuvuka;</p> <p>4° guha Banki Nkuru amakuru arambuye arebana n'uburyo ategura gushyira mu bikorwa ingamba zo kurengera abakiriya;</p> <p>5° kumenyesha uburyo azishyura abaguzi, harimo uburyo bwo kwishyura amafaranga umukiriya</p>	<p><u>Article 10: Customer safeguards</u></p> <p>The participant shall ensure the following with regards to customer safeguards:</p> <p>1° have a clear customer onboarding process stating how each customer will be identified, and the identity verified using reliable, independent source documents, data or information;</p> <p>2° inform the customers that the product or service is currently operating within a regulatory sandbox;</p> <p>3° confirmation from customers that they fully understand and accept the inherent risks;</p> <p>4° provide to the Central Bank details on how he or she plan to implement customer protection measures;</p> <p>5° provide a consumer redress mechanism, including the possibility for financial compensation claimable</p>	<p><u>Article 10 : Protection des clients</u></p> <p>Le participant doit s'assurer ce qui suit en ce qui concerne la protection des clients :</p> <p>1° dispose d'un processus clair de recrutement des clients indiquant comment chaque client sera identifié et son identité vérifiée à l'aide de documents, de données ou d'informations fiables et indépendantes ;</p> <p>2° informer les clients que le produit ou service fonctionne actuellement dans le cadre d'un sandbox réglementaire ;</p> <p>3° les clients confirment qu'ils comprennent et acceptent pleinement les risques inhérents ;</p> <p>4° fournir à la Banque Centrale des détails sur la manière dont ils prévoient de mettre en œuvre des mesures de protection des clients ;</p> <p>5° prévoir un mécanisme de compensation aux consommateurs, y compris la possibilité d'une</p>
---	--	--

<p>ashobora kwishyuza uwitabiriye igerageza mu bihe byasobanuwe neza, iyo bibaye ngombwa.</p> <p><u>Ingingo ya 11</u> : Ibisabwa mu kubika inyandiko</p> <p>Uwitabiriye igerageza agomba gucunga no kubika neza imirimo yose, inyandiko zose n’andi makuru yose y’ingirakamaro ajyanye n’igerageza ry’ibicuruzwa na serivisi birimo udushya.</p> <p>Banki Nkuru ni yo yonyine ifite uburenganzira bwo gusaba amakuru uwitabiriye igerageza igihe cyose ibishatse ndetse n’uburenganzira bwo gukora igenzura ry’ibikorwa by’uwitabiriye igerageza.</p> <p><u>Ingingo ya 12</u> : Ibisabwa mu gutanga raporo</p> <p>Banki Nkuru isaba abitabiriye igerageza kuyiha raporo ku ntambwe imaze guterwa mu igerageza, irimo :</p> <p>1° ibipimo by’ingenzi by’imikorere, ibikorwa by’ingenzi byabayeho</p>	<p>by the customer against the regulatory sandbox participant under clearly defined circumstances where applicable.</p> <p><u>Article 11</u>: Record keeping requirements</p> <p>The participant must ensure at all times that operations, records and any other relevant information from the regulatory sandbox are properly maintained and kept.</p> <p>The Central Bank reserves the right to request any relevant information from the participant at any time, as well as the right to conduct onsite inspections of the participant’s operations.</p> <p><u>Article 12</u>: Reporting requirements</p> <p>The Central Bank shall require participants to submit interim reports on the progress of the test, which shall include:</p> <p>1° key performance indicators, key milestones and statistical information;</p>	<p>compensation financière que le client peut réclamer au participant au sandbox réglementaire dans des circonstances clairement définies, le cas échéant.</p> <p><u>Article 11</u> : Exigences relatives à la tenue des dossiers</p> <p>Le participant doit s'assurer, à tout moment dans le, que les opérations, les registres et toute autre information pertinente relatives au sandbox réglementaire sont correctement maintenus et conservés.</p> <p>La Banque Centrale se réserve le droit de demander toute information pertinente au participant à tout moment, ainsi que le droit de mener des inspections sur la place des opérations du participant.</p> <p><u>Article 12</u> : Exigences en matière de rapports</p> <p>La Banque Centrale exige des participants de transmettre des rapports intermédiaires sur l'avancement de l'essai, qui doivent comprendre :</p> <p>1° les indicateurs clés de performance, les principaux jalons et les</p>
---	--	--

